RWANDA

commonwealth games RWANDA

# Icyegeranyo cy'Amakuru y'Imikino yaranze icyumweru

**2022** Taliki 25-30 Ugushyingo




**P1. Cricket: Kenya n'u Rwanda zakomeje mu cyiciro cya nyuma cyo gushaka itike y'igikombe cy'Isi**

## Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 **Cricket:** Kenya n'u Rwanda zakomeje mu cyiciro cya nyuma cyo gushaka itike y'igikombe cy'Isi

P2 **Cycling:** Hagaragajwe inzira n'amakipe azitabira Tour du Rwanda 2023

P2 **Football:** Uko imikino y'umunsi wa 11 wa shampiyona yagenze

P3 **Rugby :** Uko imikino y'umunsi wa kabiri wa shampiyona yagenze

P3 **Sitting Volleyball:** Hatangiye umwaka w'imikino wa 2022-2023

P4 **Cycling:** FERWACY yagiranye amasezerano y'ubufatanye n'Uturere tune

## 1 **Cricket:** Kenya n'u Rwanda zakomeje mu cyiciro cya nyuma cyo gushaka itike y'igikombe cy'Isi

Kuva taliki 17 kugeza 25 Ugushyingo 2022 mu Rwanda habereye imikino y'irushanwa ryo gushaka itike y'igikombe cy'Isi ku rwego rw'Afurika mu bagabo mu mukino wa Cricket «ICC Men's T20 World Cup Sub Regional Africa Qualifier Group A 2022 ».

Iyi mikino yo mu itsinda A yahuje ikipe y' u Rwanda, Botswana, Saint Helena, Malawi, Lesotho, Seychelles, Kenya na Mali. Nyuma yo gukina hagati yayo, ikipe ya Kenya n'u Rwanda ni zo zabonye itike yo gukomeza mu cyiciro cya nyuma "Africa Regional Finals".

Ikipe ya Kenya yegukanye umwanya wa mbere n'amanota 12 ikurikirwa n'u Rwanda n'amanota 11, ku mwanya wa 3 haje Malawi (10), Botswana (7), Saint Helena (6), Lesotho (5), Seychelles (3) na Mali ku mwanya wa 8 n'amanota 2.

Ikipe ya Kenya n'u Rwanda ni zo zakomeje mu mikino ya nyuma yo gushaka itike "Africa Regional Finals" izabera muri Namibia mu Kwakira 2023 aho zizahura na Namibia, Uganda na Zimbabwe ndetse n'andi makipe 2 azabona itike mu itsinda B ryatangiye gukina kuva taliki 01 kugeza 09 Ukuboza 2022.

Iri tsinda B rigizwe na Cameroon, Eswatini, Gambia, Ghana, Mozambique, Nigeria, Sierra Leone na Tanzania. Imikino na yo izabera mu Rwanda kuri Sitade Mpuzamahanga ya Gahanga no muri IPRC Kigali.








## **Cycling:** Hagaragajwe inzira n'amakipe azitabira Tour du Rwanda 2023

Taliki 24 Ugushyingo 2022 ni bwo ishyirahamwe ry'umukino w'amagare mu Rwanda "FERWACY" ku bufatanye n'itsinda ritegura isiganwa mpuzamahanga ribera mu Rwanda "Tour du Rwanda" bashyize ahagaragara inzira izakoreshwa ndetse n'amakipe azitabira Tour du Rwanda 2023.

Iri siganwa riri ku kigero cya 2.1 rigiye kuba ku nshuro ya 15 rizatangira taliki 19 risozwe 26 Gashyantare 2023.

**Amakipe 20 azitabira Tour du Rwanda 2023**

Aya makipe ni Israël Premier Tech (Israël), Soudal Quick Step Development Team (Belgique), EF NIPPO Development Team (Belgique), Total Energies (France), Q 36,5 Cycling Team (Suisse), Euskaltel Euskadi (Espagne), Green Project CSF Bardiani (Italie), Team Blak Spoke (Nouvelle-Zélande), Team Novo Nordisk (USA), China Glory (Chine), TSG Terengganu (Malaisie), Team Tartu 2024 (Estonie), Bike Aid (Allemagne), Benediction Kitei Pro 2022 (Rwanda), Grande-Bretagne, Rwanda, Maroc, Algeria, Afurika y'Epfo na Eritrea.

**Inzira ya Tour du Rwanda 2023**

**Taliki 19-02-2023**
- Kigali-Rwamagana (115, 6 km)

**Taliki 20-02-2023**
- Kigali-Gisagara (132, 9 km)

**Taliki 21-02-2023**
- Huye-Musanze (199, 5 km)


**Taliki 22-02-2023**
- Musanze-Karongi (138,3 km)

**Taliki 23-02-2023**
- Rusizi-Rubavu (195,5 km)

**Taliki 24-02-2023**
- Rubavu-Gicumbi (157 km)

**Taliki 25-02-2022**
- Nyamata-Mont Kigali (115, 8 km)

**Taliki 26-02-2022**
- Canal Olympia-Canal Olympia (75, 3 km)




## **Football:** Uko imikino y'umunsi wa 11 wa shampiyona yagenze

Taliki 26 kugeza 28 Ugushyingo 2022 habaye imikino y'umunsi wa 11 wa shampiyona y'icyiciro cya mbere mu mupira w'amaguru mu bagabo.

Ikipe ya Rayon Sports, Kiyovu ndetse na APR FC zatakaje amanota gusa ikipe ya Rayon Sports ikomeza kuyobora urutonde by'agateganyo.

Imikino y'umunsi wa 12 biteganyijwe ko itangira uyu munsi taliki 02 kugeza 04 Ukuboza 2022.

**Uko imikino yagenze**

**Taliki 26-11-2022**
- Sunrise FC **1-0** Bugesera FC
- Police FC **0-1** Gorilla FC
- Etincelles FC **0-0** Rutsiro FC

**Taliki 27-11-2022**
- Rwamagana City **1-0** Espoir FC
- Musanze FC **2-0** Rayon Sports
- Mukura **0-0** APR FC
- Kiyovu **1-3** Gasogi United

**Taliki 28-11-2022**
- Marines FC **0-1** AS Kigali

### Urutonde rwa shampiyona 2022-2023

| Umwanya | Ikipe | Imikino | Amanota |
|---|---|---|---|
| **1** | Rayon Sports | 10 | 22 |
| **2** | Kiyovu | 11 | 21 |
| **3** | AS Kigali | 10 | 20 |
| **4** | APR FC | 10 | 19 |
| **5** | Gasogi United | 11 | 18 |
| **6** | Gorilla FC | 10 | 17 |
| **7** | Musanze FC | 11 | 17 |
| **8** | Police FC | 11 | 17 |
| **9** | Mukura | 11 | 14 |
| **10** | Bugesera FC | 11 | 14 |
| **11** | Etincelles FC | 11 | 13 |
| **12** | Sunrise FC | 11 | 12 |
| **13** | Rutsiro FC | 11 | 10 |
| **14** | Rwamagana City | 11 | 10 |
| **15** | Espoir FC | 11 | 07 |
| **16** | Marines FC | 11 | 05 |



## Rugby: Uko imikino y'umunsi wa kabiri wa shampiyona yagenze

Taliki 26 Ugushyingo 2022, shampiyona y'igihugu mu mukino wa Rugby mu cyiciro cy'abakina ari 15 "15 Aside" mu bagabo yari yakomeje hakinwa imikino y'umunsi wa kabiri.

Imikino yabaye, ikipe ya 1000 Hills RFC yatsinze Resilience RFC amanota 39 ku 09, Kigali Sharks RFC itsinda Puma Kamonyi amanota 64 kuri 0 mu gihe Lion de Fer RFC yatsinze Muhanga Thunders RFC amanota 45 kuri 03.

Imikino yose yabereye ku kibuga cya Croix Rouge Kacyiru.

Biteganyijwe ko imikino y'umunsi wa 3 izakinwa taliki 10 Ukuboza 2022 aho ikipe ya Kamonyi Puma RFC izakira Lion de Fer RFC ku Kamonyi, Kigali Sharks RFC yakire 1000 Hills RFC ku kibuga cya Croix Rouge Kacyiru naho Muhanga Thunders RFC yakire Resilience RFC mu Misizi.

**Uko imikino yagenze**

- 1000 Hills RFC **39-09** Resilience RFC
- Kigali Sharks RFC **64-0** Puma Kamonyi
- Lion de Fer RFC **45-03** Muhanga Thunders RFC



**RWANDA RUGBY LEAGUE D1 STANDING**

| NO | TEAM | MP | W | D | L | PD | PTS |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | LIONS DE FER | 2 | 2 | 0 | 0 | 49 | 9 |
| 2 | KIGALI SHARKS | 2 | 1 | 0 | 1 | 62 | 6 |
| 3 | 1000 HILLS | 2 | 1 | 0 | 1 | 23 | 5 |
| 4 | MUHANGA TRFC | 2 | 1 | 0 | 1 | -10 | 5 |
| 5 | RESILIENCE | 2 | 1 | 0 | 1 | -28 | 5 |
| 6 | PUMA KAMONYI | 2 | 0 | 0 | 2 | -91 | 0 |

## Sitting Volleyball: Hatangiye umwaka w'imikino wa 2022-2023

Taliki 26 na 27 Ugushyingo 2022 mu Karere ka Bugesera habereye imikino y'umunsi wa mbere (Phase 1) ya shampiyona ya Sitting Volleyball "Sitting Volleyball Championship 2022-2023".

Iyi shampiyona yitabiriwe n'amakipe 17 mu bagabo ari yo Gisagara, Gasabo, Musanze, Rubavu, Rusizi, Kicukiro, Karongi, Ruhango, Burera, Rutsiro, Nyamasheke, Ngoma, Nyagatare, Gatsibo, Muhanga na Rulindo.

Mu bagore hitabiriye amakipe 9 ari yo Bugesera, Gicumbi, Musanze, Nyarugenge, Rubavu, Gakenke, Ruhango, Rulindo na Nyanza.

Imikino y'umunsi wa kabiri biteganyijwe ko izaba taliki 14 na 15 Mutarama 2023.

**Uko imikino y'umunsi wa mbere yagenze**

**2022-2023 SITTING VOLLEYBALL CHAMPIONSHIP**

Paralympic Committee of RWANDA

PHASE ONE




**WOMEN RESULTS**

| | | | |
|---|---|---|---|
| BUGESERA | 2-0 | RUSIZI | (25-2, 25-8) |
| GICUMBI | 2-0 | NYANZA | (25_13, 25-16) |
| MUSANZE | 2-0 | RULINDO | (25-8, 25-13) |
| NYARUGENGE | 2-0 | RUHANGO | (25-11, 25-19) |
| RUBAVU | 0-2 | GAKENKE | (23-25 , 20-25) |
| BUGESERA | 2-0 | NYANZA | (25-10, 25-6) |
| RUSIZI | 0-2 | RULINDO | (13-25, 17-25) |
| GICUMBI | 2-0 | RUHANGO | (25-8, 25-6) |
| MUSANZE | 2-0 | GAKENKE | (25-17, ,25-22) |
| NYARUGENGE | 2-0 | RUBAVU | (25-22, 25-11) |
| BUGESERA | 2-0 | RULINDO | (25-12, 25-13) |
| NYANZA | 2-0 | RUHANGO | (25-11, 25-18) |
| GICUMBI | 2-0 | RUBAVU | (25-9,25-18) |
| MUSANZE | 2-0 | NYARUGENGE | (25-22, 25-9) |

**2022-2023 SITTING VOLLEYBALL CHAMPIONSHIP**

Paralympic Committee of RWANDA

PHASE ONE




**MEN RESULTS**

| | | | |
|---|---|---|---|
| GISAGARA | 2-0 | RWAMAGANA | (25-5, 25-14) |
| MUSANZE | 2-0 | MUHANGA | (25-5, 25-14) |
| RUBAVU | 2-0 | KAYONZA | (25-17, 25-3) |
| KICUKIRO | 2-0 | GATSIBO | (25-14, 25-17) |
| RUSIZI | 2-1 | NYAGATARE | (23-25, 25-16, 15-12) |
| KARONGI | 2-0 | NGOMA | (25-9, 25-10) |
| NYAMASHEKE | 2-0 | RUHANGO | (25_12, 25-21) |
| BURERA | 1-2 | RUTSIRO | (25-22, 30-32, 16-18) |
| RWAMAGANA | 2-0 | MUHANGA | (25-23, 25-16) |
| GASABO | 2-0 | KAYONZA | (25-8, 25-10) |
| RUBAVU | 2-1 | NYAGATARE | (25-19, 8-25, 16-14) |
| KICUKIRO | 2-1 | NGOMBA | (25-22,22-25, 15-9) |
| RUSIZI | 2-1 | NYAMASHEKE | (25-16, 23-25, 15-7) |
| KARONGI | 2-0 | RUTSIRO | (25-16, 25-16) |
| BURERA | 2-0 | RUHANGO | (25-7, 25-15) |
| GISAGARA | 2-0 | MUHANGA | (25-10, 25-15) |
| RWAMAGANA | 2-0 | GATSIBO | (2525-12, 25-17) |
| GASABO | 2-0 | NYAGATARE | (25-7, 25-15) |
| MUSANZE | 2-0 | NGOMA | (25-14, 25-15) |
| RUBAVU | 2-0 | NYAMASHEKE | (25-22, 25-18 |
| KICUKIRO | 2-1 | RUTSIRO | (25-22,21-25,15-8) |
| BURERA | 2-0 | RUSIZI | (25-13,26-24) |
| KARONGI | 2-0 | RUHANGO | (25-14, 25-11) |
| GISAGARA | 2-0 | KAYONZA | (25-11, 25-20) |
| MUHANGA | 2-0 | GATSIBO | (27-25,25-12) |
| RWAMAGANA | 2-1 | NGOMA | (23-25,25-11,15-10) |

# **Cycling:** FERWACY yagiranye amasezerano y'ubufatanye n'Uturere tune

Ishyirahamwe ry'umukino w'amagare mu Rwanda "FERWACY" ryasinye amasezerano y'ubufatanye n'Uturere tune agamije gutegura amarushanwa. Utu turere ni Musanze, Kirehe, Bugesera na Nyanza.

Taliki 30 Ugushyingo 2022, Perezida wa FERWACY, Murenzi Abdallah ari ku mwe n'Umuyobozi w'Akarere ka Musanze , Rumuli Janvier bashyize umukono ku masezerano y'imyaka 3 yo gutegura isiganwa "Musanze Gorilla Race". Iri siganwa bikaba bitegayijwe ko rizaba ku nshuro ya mbere mu Kuboza 2022.

Taliki 28 Ugushyingo 2022, Perezida wa FERWACY, Murenzi Abdallah ari ku mwe n'Umuyobozi w'Akarere ka Kirehe, Rangira Bruno bashyize umukono ku masezerano y'imyaka 3 yo gutegura isiganwa "Gisaka Race".

Iri siganwa rikaba ryarabaye ku nshuro ya mbere taliki 01 Ukwakira 2022 aho ryegukanwe na Manizabayo Eric.

Aba bayobozi bombi kandi banagiranye ibiganiro bigamije kureba uburyo Tour du Rwanda 2024 yazagera no mu Karere ka Kirehe.

Taliki 25 Ugushyingo 2022, Perezida wa FERWACY, Murenzi Abdallah ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere ka Bugesera, Mutabazi Richard bashyize umukono ku masezerano y'ubufatanye y'imyaka 3 yo gutegura isiganwa "Kibugabuga Race". Iri siganwa rikaba rimaze gukinwa inshuro 2 (2021 na 2022).

Taliki 18 Ugushyingo 2022, Perezida wa FERWACY, Murenzi Abdallah ari kumwe na Meya w'Akarere ka Nyanza, Ntazinda Erasme basinye amasezerano y'ubufatanye y'imyaka 3 yo gutegura isiganwa "Royal Nyanza Race".

Aya masiganwa hamwe n'andi atandukanye azategurwa akaba ari muri gahunda yo gukomeza gutegura abakinnyi mu gihe u Rwanda rwitegura kwakira shampiyona y'Isi mu gusiganwa ku magare izaba muri 2025.










RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera–Hallmark Center Building KG 17 Ave